## IBIPIMO BY'IMISORO N'AMAHORO MU KARERE KA GASABO UMWAKA WA 2017-2018

Inama Njyanama y'Akarere ka GASABO Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 4 kamena 2003, nkuko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 31,62, 81, 92, 108, 118, 70,195, n'iya 201;

Ishingiye ku itegeko N° 07/2001 ryo kuwa 19/01/2001 rishyiraho imitunganyirize n'imikorere y'Umujyi wa Kigali nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Ishingiye ku itegeko N° 59/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rishyiraho inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego zibanze rikanagena imikoreshereze yabyo cyane cyane mu ngingo ya 4,5,6,7,8,9,10,11,12,13,14,15,16,17,18,19,20,21,22, 23,24,,25,26,27,28,29,30,31,32,34,35,36,34,35,36,37,38,39,40,41,42,43,44,45,46,47,48,49,50,51,52,53,54,55,56,57, 58, 59, 60, 61, 62, 63, 64, 65, 66,67;

Ishingiye ku iteka rya Perezida N°25/01 ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze mu ngingo yaryo ya 1,4,5,6,7,8,9,10,14,15,16,19,20, 24, 25,27 na 32;

Yemeje ibipimo by'imisoro n'amahoro bikurikira:

**URUTONDE RW'AMAHORO N'ANDI MAFARANGA YAKIRWA N'URWEGO RW'IBANZE NI AYA AKURIKIRA:**

***1. Amahoro ashingiye ku ikoreshwa ry'umutungo rusange wa Leta akurikira:***

a. Amahoro yo mu isoko;

b. Amahoro yakwa ku marimbi rusange;

c. Amahoro kuri parking;

d. Amahoro ku bukode bw'ubutaka;

e. Amahoro yakwa buri mwaka ku bukode bw'ubutaka bukorerwaho ubuhinzi n'ubworozi;

Amahoro yakwa buri mwaka ku bukode bw'ubutaka bwagenewe gucukurwaho kariyeri.

***2. Amahoro akurikira ashingiye kuri servisi zikorerwa abaturage:***

a. Amahoro y'isuku rusange;

b. Amahoro yo gushyingirwa ku munsi utandukanye n'uwagenwe;

c. Amafaranga atangwa kuri serivisi z'ibyangombwa by'ubutaka n'ibibanza;

d. Amafaranga atangwa ku byemezo n'impapuro bitangwa na Leta n'inyandiko zishyirwaho umukono na Noteri;

e. Amahoro yakwa ku ruhushya rwo gutwika amakara, amatafari n'amategura.

*3. Andi mafaranga yakirwa :*

a. Amahoro yakwa ku cyapa cyamamaza no kuri banderole;

b. Amahoro yakwa ku minara yifashishwa mu itumanaho n'isakazamajwi;

c. Amahoro yakwa abapakira ibikomoka kuri kariyeri no ku mashyamba.

**1.Amahoro ashingiye ku ikoreshwa ry'umutungo rusange wa Leta akurikira:**

**a. Amahoro yo mu isoko**

Amahoro yakwa mu isoko yishyurwa n'abacururiza ahantu hagenewe ibicuruzwa byabo.
Ibipimo by'amahoro yo mu isoko bigenwa n'Inama Njyanama ya buri rwego rw'ibanze ishingira ku bunin bw'ahacururizwa n'imiterere y'ibicuruzwa, aya mahoro yishyurwa buri kwezi.

**b. Amahoro yakwa ku marimbi rusange**

Amahoro yakwa ku irimbi rusange yishyurwa n'umuntu uje gusaba gushyingura mu irimbi rusange ni amafarang ibihumbi bitanu y'u Rwanda (5,000frw) ku mva.

**c. Amahoro kuri parking (Umugereka n° 1)**

Umuntu wese uparitse ikinyabiziga cye muri parikingi zagenwe n'urwego rw'ibanze, yishyura amahoro agenwa n'Inam Njyanama y'urwo rwego hashingiwe ku bwoko bw'icyo kinyabiziga. Buri parikingi igomba kugira icyapa kiyiranga.

Amahoro kuri parikingi yishyurwa ku isaha, ku munsi cyangwa ku kwezi.

Parikingi iri mu mbago z'ikibanza cy'umuntu icungwa na nyiracyo. Iyo yishyuje amafaranga, bifatwa nk'ubucuruz busanzwe, hakishyurwa imisoro iteganywa n'itegeko.

d. **Amahoro ku bukode bw'ubutaka (Reba umugereka n° 3)**

Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze bireba igena amahoro ku cyemezo cy'ubukode bw'ubutaka yakwa buri mwak hashingiwe ku bikorwa remezo bigararagara mu gace ubwo butaka buherereyemo n'icyo ubwo butaka bwagenew gukoreshwa.

Buri myaka ine (4), urwego rw'ibanze bireba rutangaza inyandiko igaragaza amahoro yishyurwa ku cyemez cy'ubukode bw'ubutaka yakwa buri mwaka kuri buri mudugudu ugize urwo rwego bw'ubutaka.

e. **Amahoro yakwa buri mwaka ku bukode bw'ubutaka bukorerwaho ubuhinzi n'ubworozi**;

Amahoro yishyurwa buri mwaka ku cyemezo cy'ubutaka bukorerwaho imirimo y'ubuhinzi n'ubworozi bufite ubus buri hejuru ya hegitari ebyiri (2) ni amafaranga ibihumbi bine y'amanyarwanda (4.000 Frw) kuri hegitari imwe

**f.** Amahoro yakwa buri mwaka ku bukode bw'ubutaka bwagenewe gucukurwaho kariyeri.

| IBIKORWA | UBUTAKA BWA LETA | UBUTAKA BW'ABATURAGE | IBIKORWA BIHAKORERWA | UBUSO | ICYONGERWAHO |
|---|---|---|---|---|---|
| 1.Ubucukuzi bw'Umucanga | 200.000 frws | 100.000 frws | Ubucukuzi busanzwe | 1 ha | Ibiciro bizabarwa hakurikijwe ubuso bucukurwaho |
| 2.Ubucukuzi bw'Ibumba (Amatafari, amatanura) | 300.000 frws | 200.000 frws | Gucukura no gutwika | 1 ha | |
| 3. Ubucukuzi bw'Amabuye yo kubakisha | 200.000 frws | 100.000 frws | ubucukuzi | 1 ha | |
| 4.Ubucukuzi bwa laterite | 200.000 | 100.000 frws | Ubucukuzi | 1 ha | |
| 5.Ubukode ku ìishanga | 200 frws | - | - | Are | |

**f. Amahoro ku bukode bw'ubutaka bwagenewe imibereho myiza (amavuriro, amashuri, insengero)**

Ubutaka bugenewe imibereho myiza bwaba ubw'amashuri amavuriro, ibigo by'imfubyi n'amadini ariko butarahabwa impapuro mpamo bwishyurirwa amahoro ku cyemezo cy'ubukode bw'ubutaka angana n'amafaranga ane (4frw) kur metero kare imwe.

**2. Amahoro akurikira ashingiye kuri servisi zikorerwa abaturage:**

**a. Amahoro y'Isuku rusange**

Inama Njyanama y'urwego ry'ibanze igena amahoro yishyurwa ku kwezi y'isuku ku bikorwa byose byishyurirwa amahoro ku isuku rusange, Inama Njyanama y'u rwego rw'ibanze ishingira ku bunini, imiterere n'aho igikorwa kishyurirwa amahoro giherereye.

**Imbonerahamwe y'amahoro yakwa abakora ibikorwa bibyara inyungu muri Gasabo:**

| Abishyura 10.000 Frw | Abishyura 10.000 Frw | Abishyura 10.000 Frw | Abishyura 10.000 Frw | Abishyura 10.000 Frw | Abishyura 5.000 Frw | Abishyura 3.000 Frw |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1.Ibigo by'ubucuruzi<br>2. Garage zifite amashami<br>3. Amagaraji<br>4.abaranguza<br>5. Abohereza bakanatumiza ibintu mu mahanga<br>6.Ibigo by'Imari<br>7. Amashami ya :<br>- Banki<br>- Sosiyete z'ubwishingizi<br>8. Amacumbi aringaniye | 1.Abatwara ibintu n'abantu<br>2. Imodoka zamamaza<br>3.Comptoirs z'amabuye y'agaciro<br>4. Stasiyo za essence<br>5. Amazu y'urubyiniro<br>6. Boulangerie et Charcuterie<br>7. Quincailleries<br>8. Polycliniques<br>9. Alimentation | 1.Abanyabukorikori<br>2. Ibigo bitwara abagenzi<br>3. Amazu ahanagura imyenda.<br>4. Entreprises ntoya n'iziciriritse<br>5. Abadoda imisego y'imodoka.<br>6.Amashyirahamwe y'imodoka za express<br>7.Amazu acuruza imiti<br>8. Ubundi bubiko bwa byeri na Fanta | 1.Amashuri yisumbuye yigenga<br>2.Amacapiro mato<br>3.Amazu yunganira abantu muri duwani<br>4.Amazu y'abakorera abandi inyingo (bureaux d'etude)<br>5. Salle de cinéma<br>6. Aho bacuruza imiti y'amatungo<br>7. Dépannage y'imodoka | 1. Kiosques zigezweho<br>2.Abakora imirimo y'ubuvuzi (Cabinets Médical)<br>3. Studio photo nini idahanagura<br>4. Amazu manini yerekana sinema (Salles de Cinéma)<br>5. Amazu akora akanacuruza imitako (Bijouteries) | 1.Urunywero (Buvettes)<br>2. Butike ifite frigo<br>3. Amazu mato acuruza imbuto<br>4. Atelier de couture<br>5. Ububiko buto bw'ibiribwa<br>6. Studio photo<br>7. Vidéothèque<br>8. Aho bandikira ku mashini gusa<br>9. Camion na Camionette zikodeshwa | 1. Butike ntoya zitagira (Frigo)<br>2. bacuruza urwagwa<br>3. Abacuruza ibigage<br>4. Abadozi (Umuntu umwe)<br>5. Abakora amasaha<br>6. Abakora amaradiyo<br>8.Abahanagura inkweto<br>9. Kwandikisha imashini |

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 9. Amacapiro<br>10. Depot za byeri na Fanta<br>11. Depot z'imiti<br>12. Ibigo nderabuzima byigenga<br>13.Amabagiro<br>14. Inganda<br>15. Banki<br>16. Ibigo by'ubwishingizi<br>17. Amashuri makuru yigenga (Univerisite)<br>18. Hoteli<br>19. Radiyo zigenga<br>20. Dépannage y'imodoka<br>21. Abadozi b'inkweto (banini)<br>2: inamba byoza imodoka<br>23. Pharmacie ntoya | 10. Amazu yo kogosheramo<br>11. Bare na resitora zo mu rwego rwa mbere<br>12.Amaduka y'ibyuma by'imidoka<br>13. Studio photo zinahanagura<br>14. Ububiko n'ubucuruzi bw'imiti (Comptoir pharmacetique)<br>15. Abandikira abantu ku mashini (secretariat public) nini<br>16. Abaranguza ibinyamakuru<br>17. Amashuri y'incuke n'abanza yigenga<br>18. Dispensaire privé | 9. Amaduka acuruza ibikoresho byo mu biro<br>10.Abaranguza<br>- Amamesa<br>- Isima<br>- Peteroli<br>11. Ububiko bw'imyenda ya caguwa (Dépôt)<br>12. Amazu y'ababuranira abantu mu nkiko<br>13. Ububiko bw'imbaho<br>14. Cabinet de Comptabilité et d'Audit<br>15. Ishami ry'ibigo by'imari<br>16. Ububiko (Depots)<br>17.Magerwa<br>18. ahabera ibirori<br>19.Abacuruza bakanakora : intebe, ameza na Bloc ciment<br>20. Abakora massage & sauna | 8. Abacuruza ibiryo by'amatungo<br>9. Atelier de menuiserie<br>10. Salon de coiffure<br>11. Iduka ricuruza ibyuma by'ibinyabiziga<br>12. Abahoma amapine<br>13. Gucuruza ibirahure&mastiki<br>14. Ubuvuzi bwa gihanga<br>15. Abatandika imbaho<br>16. ucuruza ibiryo by'amatungo<br>17. Garage ntoya<br>18. Abacuruza Utubati, blocs ciment<br>19. Dépôt y'ibiti<br>20. Dépôt y'amakara | 6. Librairies<br>7. Amaduka acuruza ibyuma by'ibinyabiziga (Pièces de Rechange)<br>8. Abacuruza indabo<br>9. Ububiko (Dépôt) ibiribwa<br>10. Ibyumba bikodeshwa by'ibirori<br>11. amakamyo Akodeshwa<br>12. Abacuruza amafaranga (Bureaux de change)<br>13. Amaduka acirirtse<br>14. Aho bigisha gutwara ibinyabiziga<br>15. Aboza imodoka<br>16. Café internet<br>17. Ubucuruzi bw'ibiribwa<br>18 Atelier zidoda inkweto | 10. abacuruza imbabura<br>11. Abadandaza amakara<br>12. Abatandika inkwi<br>13. Taxi voiture<br>14. Icyokezo<br>15. Urukiniro. rwa Billards<br>16 Abigisha mudasobwa<br>17. Abogosha ( Bafite imashini kuva kuri imwe (1) kugeza kuri eshatu (3) | za kera<br>10.Abacuruza ibitabo bishaje<br>11.Abafunika ibyangombwa<br>12. Abadozi b'inkweto (baciriritse) |

**b. Amahoro yo gushyingirwa ku munsi utandukanye n'uwagenwe n"Inama Njyanama.**

Inama Njyanama y'urwego rw'ibanze rubifitiye ububasha igena umunsi wo gusezeranya abashaka gushyingiranwa

Iyo hari abashaka gusezerana ku munsi wundi utari uwagenwe n'Inama Njyanama bishyura amahoro atarenze amafaranga ibihumbi icumi y'amanyarwanda (10.000 Frw).

**. Ubwikorezi bw'amabuye, amatafari, imicanga, laterite, concasse n'ibikomoka ku mashyamba**

Hashingiwe ku iteka rya Perezida N° 25/01 ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze ku bwikorezi bw'ibikomoka kuri kariyeri no ku mashyamba mu ngingo yaryo ya 23 nk'uko bikubiye muri iyi mbonerahamwe hashingiwe kuri toni buri modoka ishobora gutwara hazakoreshwa ibipimo bikurikira:

| IMODOKA | AMABUYE,AMATAFARI NA CONCASSE | IGICIRO (Frw) | IMICANGA, LATERITE | IGICIRO (Frw) |
|---|---|---|---|---|
| **Imodoka nini (10 pneus)** | 1 tour | 1,000/m$^3$ | 1 tour | 1,000/m$^3$ |
| **Ikamyo isanzwe** | 1 tour | 1,000/m$^3$ | 1 tour | 1,000/m$^3$ |
| **Fusso ntoya** | 1 tour | 1,000/m$^3$ | 1 tour | 1,000/m$^3$ |
| **Daihatsu** | 1 tour | 1,000/m$^3$ | 1 tour | 1,000/m$^3$ |
| **Ikamyoneti** | 1 tour | 1,000/m$^3$ | 1 tour | 1,000/m$^3$ |

**d. Amafaranga atangwa ku nyandiko zishyirwaho umukono n'umunoteri wa Minisiteri, uwo ku Karere**

**n'uwo ku Murenge ateye ku buryo bukurikira:**

1° Kwemeza inyandiko ni amafaranga ibihumbi bitatu y'amanyarwanda (3.000 Frw);

2° Kuhamya imikono ni amafaranga igihumbi na magana atanu y'amanyarwanda (1.500 Frw);

3° Kwemeza ko inyandiko ari impamo ni amafaranga igihumbi na magana atanu y'amanyarwanda (1.500 Frw);

4° Kwemeza ko kopi y'inyandiko ihuye n'iy'umwimerere ni amafaranga igihumbi na magana atanu y'amanyarwanda (1.500 Frw);

5° Gutanga kopi z'inyandiko umunoteri aba yakoze ni amafaranga ibihumbi bibiri y'amanyarwanda (2.000 Frw kuri kopi y'inyandiko;

6° Kwemeza inyandiko z'irage ku mutungo wimukanwa n'inyandiko zizitesha agaciro zakozwe na bene zo ni amafaranga ibihumbi bitanu y'amanyarwanda (5.000 Frw)

Kwemeza no guhamya inyandiko zikomatanyije imitungo yimukanwa n'itimukanwa ni amafaranga ibihumbi bitanu y'amanyarwanda (5.000 Frw);

8$^{0}$ Gushyira umukono w'umunoteri kuri sitati ni amafaranga ibihumbi bitanu y'amanyarwanda (5.000 Frw) kuri buri sitati;

9$^{0}$ Gushyira umukono w'umunoteri ku masezerano ayo ari yo yose ni amafaranga ibihumbi bibiri y'amanyarwanda (2.000 Frw) kuri buri masezerano;

10$^{0}$ Gutanga izindi nyandiko z'Umunoteri ziteganywa n'amategeko ni amafaranga ibihumbi bitanu y'amanyarwanda (5.000 Frw).

11° Icyemezo cy'uko umuntu yashyingiwe ni amafaranga magana atanu y'amanyarwanda (500 Frw)

[illegible]$^{0}$ Icyemezo cy'uko umuntu yitabye Imana ni amafaranga igihumbi na Magana atanu y'urwanda (1,500Frw)

13$^{0}$ Icyemezo cy'uko umuntu yapfakaye ni amafaranga igihumbi na Magana atanu y'amanyarwanda (500Frw)

14$^{0}$ Icyemezo cy'uko umuntu ari ingaragu ni amafaranga igihumbi na magana atanu y'amanyarwanda (1,500Frw)

**Ibindi byemezo bitangwa n'inzego z'ubuyobozi bw'ibanze**

- Kwimura amatungo aho ariho hose birenze imbibi z'umurenge amatungo aherereyemo: 2,000 frw uko himuw amatungo
- Gutwara ibikomoka ku matungo biva mu Karere ka Gasabo bijya mu kandi Karere : 5,000frw/mu gihe cy'amez atatu
- Icyangombwa cyo gucuruza amatungo n'ibiyakomokaho: 10,000frw ku mwaka
- Icyangombwa cyo kubaga amatungo ku bafite ibagiro: 10,000frw ku mwaka

**4. <u>AMAHORO YAKWA BURI KWEZI KU MIRIMO NA SERIVISI ZITANGWA</u>**

## 4.1 AMASOKO Y'IBIRIBWA N' UBUNDI BUCURUZI MU MASOKO YUBAKIYE

Hashingiwe ku iteka rya Perezida N° 25/01 ryo kuwa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze ku masoko mu ngingo yaryo ya 4 mu gace ka 1 a, 2a.

1. Mu isoko ry'iterambere ryubatswe, Inama Njyanama igena amahoro yo mu isoko ku buryo bukurikira:

a. Ahafatwa nk'umujyi: amahoro kuva ku mafaranga ibihumbi bitanu (5.000 Frw) kugeza ku mafaranga ibihumbi icumi y'amanyarwanda (10.000 Frw) ku kibanza;

2. Mu isoko ritubatse, Inama Njyanama igena amahoro ku buryo bukurikira:

a. Ahafatwa nk"umujyi: amahoro kuva ku mafaranga bihumbi bitatu (3.000 Frw) kugeza ku mafaranga ibihumbi bitanu y'amanyarwanda (5.000 Frw) ku kibanza;

### 4.2 UBUKODE N'AMAHORO YISHYURWA KU MAZU N'UDUTANDA KU BACURURIZAMU MASOKO YUBAKIYE

| Isoko / Ibicuruzwa | GISOZI |
|---|---|

| ICYISHYUZWA | AMAHORO BURI KWEZI |
|---|---|
| Amazu | 5,000 |
| Ubukorikori | 5,000 |
| Umuceri | 5,000 |
| Takataka | 5,000 |
| Caguwa | 5,000 |
| Ibirayi | 5,000 |
| Utuzu tw'imbaho | 5,000 |
| Ibishyimbo | 3,000 |
| Ubufu | 3,000 |
| Amagi | 3,000 |
| imboga | 3,000 |
| Imbuto | 3000 |
| inkweto | 3,000 |
| indagara | 3,000 |
| Imashini idoda | 3,000 |
| Ibitoki | 3,000 |
| Abadoda inkweto | 3,000 |

Amasoko mato yubatswe n'Akarere (Selling point), abayakoreramo bakaba bararangije igihe cy'igerageza kingana n'umwaka, bagomba kwishyura amahoro y'isoko angana n'ibihumbi bitanu buri kwezi (5,000Frw) ku bakorera mu gice cy'umujyi naho abakorera mu gice kitari umujyi bishyura ibihumbi bitatu (3,000Frw)

Hashingiwe ku iteka rya Perezida N° 25/01 ryokuwa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze mu ngingo yaryo ya 14 mu gace ka 1-2.

Ibiciro bivugwa muri iki gika birarebana gusa n'Amahoro y'isoko ku myanya itandukanye mu isoko.

**2. Ubukode n'amahoro yishyurwa ku mazu n'udutanda ku bacururiza mu masoko y'amakoperative n'amashyirahamwe ya SARMOTOR na GISOZI**

| Ibicuruzwa \ Isoko | SAR MOTORS | GISOZI |
|---|---|---|

| ICYISHYUZWA | AMAHORO BURI KWEZI |
|---|---|
| Amazu mato | 5 000 |
| Ubukorikori | 3 000 |
| Imiceri | 3 000 |
| Takataka | 3 000 |
| Caguwa | 3 000 |
| Ibirayi | 3 000 |
| Utuzutw'imbaho | 3 000 |
| Ibishyimbo | 3 000 |
| ubufu | 3 000 |
| amagi | 3 000 |
| imboga | 3 000 |
| imbuto | 3 000 |
| inkweto | 3 000 |
| indagara | 3 000 |
| ' nashini idoda | 3000 |

3. **Mu masoko yandi hishyuzwa amahoro akurikira:**

| **Isoko** | **Amahoro** |
|---|---|
| Gakinjiro | 5,000 buri kwezi |
| Isoko rya Murindi mu murenge wa Ndera | 3,000 buri kwezi |
| Amasoko atubakiye mu gice cy'umujyi arema buri munsi | 3,000 buri kwezi |
| Isoko ritarema buri munsi mu gice cyo mu nkengero z'umujyi | 200 Frw ku munsi w'isoko |

**IBIHANO**

**AMANDES ADMINISTRATIVES**

- Inka zizerera ku gasozi:20,000 Fr /inka imwe;
  Amatungo magufi azerera ku gasozi (Ihene, intama):7,000 Frw/itungo rimwe
- Amande yo kuzerereza ingurube ku gasozi:7,000 Frw
- Amande ku bacuruza inyama n'ibindi bikomoka ku matungo bidapimye/bitujuje ubuziranenge: 100,000frw
- Guta vignette y'ipatanti :5,000 Frw
- Kutamanika vignette uyifite : 10,000 Frw
- Gutwika amakara nta burenganzira: 50,000 frw no kwamburwa ibyo yatwitse
- Gutwara ibikomoka ku mashyamba nta ruhushya: 50,000 frw no kwamburwa ibyo yapakiye
- Gutema ibiti mu ishyamba rya Leta: 5,000 frw kuri buri giti kandi akacyamburwa
- Gutema ibiti birenze ibyo ufitiye uburenganzira: 2,000 frw kuri buri giti kandi akacyamburwa
- Gutema ibiti nta ruhushya: 5,000 frw kuri buri giti kandi akacyamburwa
- Gutwika amatafari hakoreshejwe ibiti nta ruhushya:100,000 frw no kwamburwa ibyatwitswe
- Kwangiza ibiti byo ku muhanda :5,000 frw kugiti kimwe
- Gucukura amabuye/umucanga mu ishyamba rya Leta nta ruhushya: 50,000 frw kandi agasabwa gusubirany: ahacukuwe/kuhatera ibiti
- Gutwika ishyamba rya Leta:10,000 Frw ku igiti kimwe
- Kwangiza ibiti:2,000 frw ku rugemwe rumwe kandi agatera ingemwe zangirijwe
- Gucukura Laterite nta ruhushya: 50,000 Frw

- Gucukura ibumba nta ruhushya :50,000 Frw ibumba rigatezwa cyamunara
- Gucukura amabuye yo kubakisha utabifitiye uruhushya: 500,000 Frw n'amabuye agatezwa cyamunara
- Gucukura umucanga utabifitiye uburenganzira: 100,000 Frw umucanga ugatezwa cyamunara
- Gucukura amabuye y'agaciro nta burenganzira: 2,500,000 Frw akamburwa n'ibyo yacukuye
- Gucuruza no gucururiza mu masashi atemewe: 50,000 Frw ukamburwa n'amasashi
- Gutwara mu masashi atemewe: 5,000 Frw no kwamburwa amasashi
- Gutumiza amasashi atemewe: 300,000 Frw ukamburwa amasashi
- Gukora amasashi atemewe:500,000Frw kandi akamburwa amasashi

**Gasabo kuwa............./06/2017**

## ANNEXE1: AMAHORO YAKWA KURI PARKING

| Ibinyabiziga muri parking | Amafaranga yishyurwa |
|---|---|
| 1. Imodoka nto n'amapikipiki byishyura amahoro: | |
| a. Ikinyabiziga muri parking ku isaha.......... | 100Frw |
| b. Ikinyabiziga muri parking ku munsi.......... | 500Frw |
| c. Ikinyabiziga muri parking ku kwezi.......... | 10,000Frw |
| 2. Ikamyo nto na minibisi byishyurirwa amahoro: | |
| a. Ikinyabiziga muri parking ku isaha.......... | 200Frw |
| b. Ikinyabiziga muri parking ku munsi.......... | 1,000Frw |
| c. Ikinyabiziga muri parking ku kwezi.......... | 12,000Frw |
| .Ikamyo nini idafite remoroki, Bisi nini na za taragiteri byishyurirwa amahoro: | |
| a. Ikinyabiziga muri parking ku isaha.......... | 400Frw |
| b. Ikinyabiziga muri parking ku munsi.......... | 2,000Frw |
| c. Ikinyabiziga muri parking ku kwezi.......... | 15,000Frw |
| 4. Ikamyo ifite remoroki n'imashini nini ikoreshwa mu kubaka no gukora imihanda byishyurirwa amahoro: | |
| a. Ikinyabiziga muri parking ku isaha.......... | 1,000Frw |
| b. Ikinyabiziga muri parking ku munsi.......... | 5,000Frw |
| c. Ikinyabiziga muri parking ku kwezi.......... | 20,000Frw |
| 5. Ikinyabiziga gikurura remoruki cyangwa ikindi kinyabiziga uretse moto cyishyurirwa amahoro hakurikijwe icyiciro kirimo | |

ANNEXE2: AMAHORO YAKWA KURI PARKING RUSANGE

| Ibinyabiziga muri parking Rusange na Gare routière | Amafaranga yishyurwa |
| --- | --- |
| 1° Minibisi zifite imyanya yicarwamo itarenze 18 n'amavatiri akora tagisi | 500Frw |
| 2° Bisi n'izindi modoka zifite imyanya yicarwamo iri hagati ya 18 na 30 | 1,000Frw |
| 3° Bisi n'izindi modoka zifite imyanya yicarwamo iri hagati ya 30 na 50 | 3,000Frw |
| 4° Bisi n'izindi modoka zifite imyanya yicarwamo irenze 50 | 5,000Frw |
| Imodoka yose idakora imirimo rusange yo gutwara abagenzi yinjiye muri parikingi rusange yishyurirwa amafaranga magana abiri y'amanyarwanda (200 Frw) uko yinjiye muri parikingi. | |